

REPUBLIKA Y'U RWANDA



MINISITERI YA SIPORO



AMASEZERANO Y'UBUFATANYE HAGATI YA
MINISITERI YA SIPORO
N'
ISHYIRAHAMWE RY'IMIKINO NGORORAMUBIRI
MU RWANDA (RAF)

1

M

Am

AMASEZERANO Y'UBUFATANYE AGAMIJE IMIKORERE, IMIKORANIRE N' INKUNGA YO

☐ GUTEZA IMBERE IMIKINO NGORORAMUBIRI MU RWANDA (RAF)

Ingingo ya mbere: ABAGIRANYE AMASEZERANO

Aya masezerano akozwe hagati ya:

Ministeri ya Siporo (MINISPORTS) ifite icyicaro mu Mujyi wa Kigali, Gasabo-Remera, B.P. 1044 Kigali- Rwanda, Tel: 0788196300/Hotline: 5858, www.minisports.gov.rw; E-mail: info@minisports.gov.rw, mu gushyira umukono kuri aya masezerano, ikaba ihagarariwe na Bwana **SHEMA-MABOKO Didier, Umunyamabanga Uhoraho** wayo, mu ngingo zikurikira ikitwa « **MINISPORTS** », ku ruhande rumwe,

Na

Ishyirahamwe ry'Imikino ngororamubiri (Athletics) mu Rwanda (RAF), mu gushyira umukono kuri

aya masezerano, rihagarariwe **Me MUBILIGI Fidèle, Perezida waryo, Tel:(+250) 788304516**, E-mail: rwa@mf.worldathletics.org muri aya masezerano yitwa "**RAF**" ku rundi ruhande;

Muri aya masezerano, iyo abayagiranye bavugiwe rimwe bitwa « **Impande Zombi**»

Irangashingiro:

Impande zombi:

Zishingiye na none ku itegeko N° 32/2017 ryo ku wa 03/08/2017 rigena imitunganyirize ya siporo, imikino n'imyidagaduro, cyane cyane ingingo zaryo, iya 5, iya 6, iya 7, iya 9, iya 13 n'ya 30.

Zishingiye kandi kuri politike ya siporo mu Rwanda;

Zigendeye kuri politiki ya siporo mu mashuri;

zimaze kubona ko:



1. Siporo ari kimwe mu bigize ubuzima, imibereho n'imibanire myiza by'abantu;
2. Imikino ngororamubiri igenda iterambere mu Rwanda;
3. Leta n'abikorera bafite inshingano zo guhuza ingufu mu kubahiriza ayo mahame no gufatanya mu guteza imbere siporo mu buryo bushoboka bwose;
4. RAF ari ryo shyirahamwe rifite mu nshingano gukurikirana no guteza imbere Imikino ngororamubiri;
5. Itegurwa ry'amakipe y'igihugu y' Imikino ngororamubiri(Athletisme) ku bufatanye bwa RAF na MINISPORTS;
6. Iterambere ry' imikino ngororamubiri rishingiye kubana bato kandi bari mu mashuri

Impande zombi, zishingiye ku nshingano zisangiye, ziyemeje ubufatanye mu kubahiriza inshingano za buri ruhande, mu kunoza imikorere, imikoranire, n'ubufatanye mu gutunganya no kunoza imikoranire yo kwita ku iterambere rya siporo cyane mu guteza imbere Imikino ngororamubiri (Athletisme) mu ngeri zose.

Kubera izo mpamvu, impande zombi zumvikanye ko habaho amasezerano y'ubufatanye hagati ya Minisiteri ya Siporo na RAF mu gushyira mu bikorwa politiki ya siporo mu birebana n'Imikino ngororamubiri, kuzamura ubushobozi (performances) bw'abantu bakora Imikino ngororamubiri haba mu kuyashakira abatoza, ingengo y'imari no gukoresha neza ingengo y'imari igenerwa.

INGINGO YA 2: INTEGO

Aya masezerano agamije kwerekana uruhare rwa buri ruhande n'ubufatanye hagati y'impande zombi mu kunoza imikorere, imikoranire no gutunganya imicungire n'imikoreshereze y'amafaranga cyangwa inkunga bigenerwa RAF mu rwego rwo guteza imbere Imikino ngororamubiri muri rusange no kugaragaza uburyo ayo mafaranga cyangwa inkunga bizafasha mu zindi gahunda zijyanye no gutegura neza ikipe y'igihugu, guhugura abatoza mu buryo bwa tekhnike, amahugurwa n'amarushanwa.




Ku bw'ibyo, MINISPORTS izajya igenera ingengo y'imari ibikorwa bigamije gutegura amakipe y'igihugu, n'ibikorwa bijyanye n'iterambere ry'Imikino ngororamubiri mu bana bato hagendewe ku bushobozi buhari;

INGINGO YA 3: UKO INGENGO Y'IMARI N'INKUNGA BIZAKORESHWA NAHO BIZANYUZWA

Aya mafaranga cyangwa inkunga bizakoreshwa hakurikijwe inshingano zikubiye muri aya masezerano impande zombi ziyemeje gukurikiza;

Aya mafaranga cyangwa inkunga byo guteza imbere amakipe y'igihugu n' ibikorwa bijyanye n'iterambere ry'Imikino ngororamubiri binyujijwe kuri konti ya **RAF N° 0039016527-11** iri muri Banki ya Kigali(BK) yafunguwe mu izina rya Rwanda Athletics Federation(RAF).

Mu gihe urugaga ruhinduye konti ruyimenyeshya Minisiteri mu nyandiko.

Ariko inkunga zose zigenerwa imikino Olempike zizajya zinyuzwa muri Komite Olempike y'u Rwanda.

INGINGO YA 4: INSHINGANO ZA RAF

RAF ifite inshingano zikurikira:

1. Kugaragaza no gutanga gahunda y'ibikorwa biteza imbere Imikino ngororamubiri by'igihe kirekire igashyikirizwa Minisiteri mu gihe cy'ukwezi kumwe mbere y'uko gahunda y'igihe kirekire yayibanjirije irangira;
2. Gutanga gahunda y'ibikorwa n'igenamigambi by'igihe gito buri mwaka igashyikirizwa Minisiteri bitarenze ukwezi k'Ukwakira buri mwaka;
3. Kugaragariza Minisiteri ibikorwa byitabirwa n'ikipe y'igihugu, abakinnyi bazaserukira igihugu, ibikorwa by'iterambere ryayo ndetse n'ibyo RAF iteganya gukora bikemeranywaho mbere yo kugenerwa ingengo y'imari yo kubishyira mu bikorwa;
4. Gusangiza Minisiteri ingengabihe y'ibikorwa byose bijyanye n'amarushanwa n'amahugurwa bitegurwa na RAF ;



5. Gutanga raporo buri gihembwe ku bikorwa by'iterambere mu bakiri bato mu myitozo ngororamubiri birimo amarushanwa, ingando z'Imikino, amahugurwa y'abasifuzi, abatoza n'andi mahugurwa agira uruhare mu iterambere rya siporo;
6. Kugaragariza Minisiteri ingengo y'imari ya buri mwaka RAF igenera ibikorwa byo guteza imbere Imikino ngororamubiri mu bakiri bato mu gihugu n'ikipe y'Igihugu;
7. Kugaragariza Minisiteri urutonde rw'abaterankunga n'ingano y'inkunga batanga mu bikorwa bijyanye n'iterambere ry' Imikino ngororamubiri na siporo muri rusange;
8. Gutegura no gukurikirana gahunda z'iterambere ry'Imikino ngororamubiri-mu bana bo mu cyiciro cy'ibanze n'icyisumbuye no gutanga raporo muri Minisiteri buri gihembwe ku mikorere yayo;
9. Kumenyeshya MINISPORTS gahunda RAF iteganya gukorera mu mashuri zigasabirwa uburenganzira muri Minisiteri ifite Uburezi mu nshingano mbere yo kuzishyira mu bikorwa;
10. Gukoresha neza inkunga yatanze na Minisiteri icyo yagenewe no gutanga raporo y'imikoreshereze yayo iherekejwe n'inyemezabwishyu, EBM, inyemezabuguzi, amasoko/amasezerano, kuri services cyangwa imirimo yakozwe na raporo z'ubutumwa mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) uherye igihe igikorwa cyarangiriye;
11. Gutanga muri Minisiteri urutonde rw'amarerero y'Imikino ngororamubiri mu bigo byabikorera, ibya Leta no mu mashuri n'urwego rw'abatoza bafite mu kwezi kwa Mutarama kwa buri mwaka;
12. Gutanga raporo y'igihembwe n'iy'umwaka ku bimaze gukorwa ku nkunga Minisiteri iba yageneye ibikorwa byemeranijwe bitegurwa na RAF ;
13. Kugira uruhare mu ishyirwaho n'imicungire y'abatoza n'abandi bakozi ba RAF bahembwa ku nkunga ya Minisiteri cyangwa bagiye mu butumwa guhagararira igihugu ;
14. Gutanga gahunda y'umwaka y'amarushanwa mu byiciro byose mu gihe cy'amezi abiri (2) mbere y'uko itangira;



15. Gutanga raporo ya buri mwaka igaragaza urutonde rw'abakinnyi b'Abanyarwanda bakinira imbere mu gihugu n'abakina hanze y'igihugu kuva ku bana kugera ku bakuru igashyikirizwa Minisiteri mu kwezi kwa Mutarama kw'umwaka utangiye.
16. Gushakisha abafatanyabikorwa no gutegura ibikorwa bindi bigamije kwiubaka no kwishakamo ubushobozi;
17. Gushyira umukono ku mihigo ihuriweho na Minisiteri ndetse na Komite Olempike y'u Rwanda ishimangira imiyoborere, imicungire na gahunda z'iterambere ry' Imikino ngororamubiri mu Rwanda;
18. Gushyiraho uburyo bwo gukurikirana abakinnyi bacyuye igihe bagize uruhare mu kumenyekanisha umukino ngororamubiri ku rwego rw'igihugu no ku rwego mpuzamahanga;
19. Gutanga raporo ku isuzumamikorere (evaluation)y' umukozi uhembwa na Minisiteri buri gihembwe bitarenze iminsi 15 igihembwe kirangiye;
20. Kubahiriza ibikubiye muri Politike y'iterambere rya Siporo mu Rwanda, Politiki ya siporo mu mashuri n'ibiteganywa n'itegeko N°32/2017 ryo kuwa 03/08/2017 rigena imitunganyirize ya Siporo, Imikino n'Imyidagaduro n'amabwiriza arishamikiyeho.

INGINGO YA 5: INSHINGANO ZA MINISITERI

Minisiteri ifite inshingano zikurikira:

- 5.1. Gusuzuma no kwemeza imihigo, gahunda y'ibikorwa y'igihe gito, gahunda y'ibikorwa by'igihe kirekire na gahunda y'iterambere ry' Imikino ngororamubiri mu Rwanda;
- 5.2. Kumenyeshya RAF ibikorwa Minisiteri izatera inkunga mu guteza imbere Imikino ngororamubiri n'ibiteganijwe mu gutegura Amakipe y'Igihugu amezi abiri mbere y'uko umwaka w'ingengo y'imari urangira;
- 5.3. Gutanga ubujyanama hagamijwe kunoza imikorere n'imikoranire myiza;
- 5.4. Gufatanya na RAF gushyiraho no kwemeza Umutoza w' ikipe y' igihugu n' abandi bakozi ba tekinike bakenerwa mu ikipe y'igihugu.
- 5.4. Gusuzuma no kwemeza raporo y'imikoreshereze y' inkunga yatanzwe na Minisiteri;
- 5.5. Gukora igenzura buri gihembwe ku mikoreshereze y'inkunga RAF igenerwa na Minisiteri;



- 5.6. Gufatanya na RAF mu gushaka abafatanyabikorwa mu iterambere ry'Imikino ngororamubiri;
- 5.7. Gufatanya na RAF mu gushyiraho no kwemeza abakozi ba RAF bahembwa ku nkunga ya Minisiteri;
- 5.8. Gutanga ubufasha mu gutegura amakipe y'igihugu y'imikino ngororamubiri;
- 5.9. Gushyiraho ibipimo ngenderwaho mu guhigura ibikubiye muri mu masezerano y'imikoranire (MoU) n'indi mihigo

5.10..Kugenzura ko ibikubiye muri Politike y'iterambere rya Siporo mu Rwanda, Politiki ya siporo mu mashuri n'ibiteganywa n'itegeko N°32/2017 ryo kuwa 03/08/2017 rigena imitunganyirize ya Siporo, Imikino n'Imyidagaduro byubahirizwa n'amabwiriza arishamikiyeho;

6. Gutanga ubufasha ku marerero y'imikino ngororamubiri;

6.1 Gufatanya na RAF gushaka uburyo hashyirwaho ikigo cy'imikino ngororamubiri cyo ku rwego rwo hejuru ('High performance training center)

INGINGO YA 6: INSHINGANO ZIHURIWEHO N'IMPANDE ZOMBI

6.1.Impande zombi zemeranije ko imigenzurire n'imikoreshereze y'ingengo y'imari izakurikiza amategeko agenga imikoreshereze y'Umutungo wa Leta;

6.2.Impande zombi zemeranije ko zizagaragaza ubufatanye mu gutegura no gukurikirana imigendekere myiza y'ibikorwa byose birebana n'iterambere ry' Imikino ngororamubiri;

6.3. Kubahiriza ibikubiye muri aya masezerano;

6.4. Gufatanya n'ishyirahamwe gushakira no gushyiraho ingamba zafasha abakinnyi bacyuye igihe gukomeza kugira uruhare mu iterambere ry'imikino ngororamubiri.

INGINGO YA 7: IGIHE

Aya masezerano y'ubufatanye azamara igihe cy'imyaka ine (4). Aya masezerano akomeza kugira agaciro mu gihe cyose nta ruhande na rumwe rwasabye kuyasesa cyangwa rwifuza kugira ikindi rushaka kuyahinduramo; icyo gihe buri ruhande rugomba guha urundi integuza yanditse mu gihe cy'amezi atandatu (6).



INGINGO YA 8: IHINDUKA

Ihinduka ry'aya masezerano iryo ari ryo ryose rikorwa mu nyandiko yumvikanyweho kandi yashyizweho umukono n'impande zombi.

Nta yindi ngingo cyangwa icyemezo kitayanditsemo gishobora kuza kuyahindura, kuyavuguruza cyangwa kuyahungabanya mu buryo ubwo ari bwo bwose;

INGINGO YA 9: USHINZWE GUKURIKIRANA AYA MASEZERANO

Minisiteri igenye **Umukozi Ufite ingaga za siporo mu nshingano** ndetse **n'Umukozi Ushinzwe Gukurikirana Impano n'Iterambere rya siporo** mu nshingano ze, gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'aya masezerano.

Ku ruhande rwa RAF aya masezerano azakurikiranwa n' **Umunyabanga mukuru** wayo.

INGINGO YA 10: IHAGARIKWA CYANGWA ISESWA

Aya masezerano ashobora guhagarikwa cyangwa guseswa bitewe n'imwe mu mpamvu zikurikira:

10.1. Kutubahiriza inshingano nk'uko zikubiye muri aya masezerano, igihe **RAF** yagaragaza amakosa akurikira:

- a) Kudatangira ku gihe raporo y'ibimaze gukorwa; (igihe cyo gutanga raporo ni igihe ingengo y'imari yose imaze gukoreshwa);
- b) Kunanirwa guhigura imihigo nibura kugeza hejuru ya 70%; (kuki ubufasha igomba gusaba ubufasha kugira ngo igere ku ntego zayo hashingiwe ku nshingano zikubiye muri aya masezerano, no mu mihigo;
- c) Gucunga nabi iyi ngengo y'imari cyangwa kuyikoresha mu bindi itagenewe ku nkunga yahawe na MINISPORTS;
- d) Guhagarika cyangwa kwirukana umukozi wa RAF uhembwa na Minisiteri bitabanje kumvikanwaho no kwemeranywaho n'impande zombi

10.2. Aya masezerano ashobora kandi guhagarikwa cyangwa guseswa ku bwumvikane bw'impande zombi;

10.3. Igihe uruhande rumwe rutubahirije ibikubiye muri aya masezerano;



10.4. Kutubahiriza amasezerano bitewe n'impamvu zirenze ubushobozi (*cas de force majeure*) bw'uruhande rutayubahirije ariko bikagaragazwa n'ibimenyetso bifatika hakiri kare ntibituma amasezerano ahagarikwa.

Mu gihe imwe muri izi mpamvu igaragaye, uruhande rutabyishimiye rushobora guhagarika cyangwa gusesa aya masezerano rubanje kubimenyesha mu nyandiko y'integuza itanga iminsi cumi n'itanu (15) ku rundi ruhande;

Nyuma y'iyi minsi, iseswa cyangwa ihagarikwa rihita rigira ingaruka, kereka iyo hagati aho, uruhande rushinjwa amakosa rwagize icyo rwikosoraho;

INGINGO YA 11: AMATEGEKO AKURIKIZWA

Aya masezerano ashirwa mu bikorwa hubahirizwa amategeko ya Repubulika y'u Rwanda;

INGINGO YA 12: IKEMURWA RY'IMPAKA

Mu gihe havutse impaka zizakemurwa ku bwumvikane bw'impande zombi, byananirana, hakiyambazwa inkiko zibifitiye ububasha;

INGINGO YA 13: ITANGIRA

Aya masezerano atangira gushyirwa mu bikorwa kuva ku itariki impande zombi ziyashyiriyeho umukono.

Bikorewe i Kigali, kuwa.....01/10/2020

KU RUHANDE RWA MINISPORTS

SHEMA-MABOKO Didier
Umunyamabanga Uhoraho



KU RUHANDE RWA RAF

Me Fidèle MUBELI
President

